Rutsiro, kuwa 27 Kamena 2013

**P.O. Box: 538 Gisenyi**
**Tel: 250 (0) 783491512**
**E-mail: fharwanda2012@gmail.com**
**Website: www.fharwanda.org**

## RAPORO Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU BURINZI BW'ISHYAMBA KIMEZA RYA GISHWATI

Kuri wa Kabiri taliki ya 25 kamena 2013, ku cyicaro cy'umuryango Forest of Hope Association (FHA) i Kinihira mu Murenge wa Kigeyo, Akarere ka Rutsiro, hateraniye inama yahuje abafatanyabikorwa ku ishyamba kimeza rya Gishwati. Umutumira w'inama yari Forest of Hope Association (FHA).

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

- Kungurana ibitekerezo n'abafatanyabikorwa ku burinzi bugiye gutangira kw'ishyamba rya Gishwati, bushingiye cyane ku barituriye (**Community Forest Protection Initiative (CFPI) ;**
- Kurebera hamwe uko abafatanyabikorwa barushaho guhuza imbaraga mu kubungabunga iri shyamba ku buryo burambye.

**Uko inama yagenze :**

Inama yatangiye hatangwa ikaze ryatanzwe n'ubuyobozi bw'umurenge wa KIGEYO, hakurirkiraho kugaragaza amavu n'amavuko y'umuryango FHA n'icyo igamije. Umuyobozi mukuru wa FHA, NYIRATUZA Madeleine yasobanuye ko FHA yashinzwe mu kwa mbere 2012 n'abari abakozi bakuru (senior staff) ba Great Ape Trust/Gishwati Area Conservation Program (GACP), umuryango mpuzamahanga utegamiye kuri Leta wabungabunze ishyamba kimeza rya Gishwati kuva 2008 kugera 2011. Yasobanuye ko FHA ari umuryango nyarwanda udaharanira inyungu washinzwe, intego ya vuba ari ukuziba icyuho cyari gisizwe na GACP naho intego yo mu gihe kirekire ari ugufasha abaturage kugira uruhare mu kubungabunga ishyamba kimeza rya Gishwati binyujijwe mu gukangurira abaturage akamaro k'iri shyamba n'urusobe rw'ibinyabuzima rurimo, kugabanya ibibazo hagati y'abaturage n'ishyamba birimo ibiterwa no kuragira ishyamba n'iyangirika ry'imyaka rikorwa n'inyamaswa ziva mu ishyamba, gufasha abaturage kwiteza imbere no kongera ubushakashatsi bukorwa mu ishyamba.

Umuhuzabikorwa wa FHA, Thierry Aimable INZIRAYINEZA yagaragarije abafatanyabikorwa uko ishyamba rihagaze, aho yasobanuye ibikorwa byangiza bigenda byiyongera. Ibi birimo kuragira, ubucukuzi, gutega inyamaswa, gutwika amakara, gutema ibiti, gutema imigano, guca inkoni, no gushaka ubuki. Umuhuzabikorwa wa FHA yagaragarije abafatanyabikorwa kandi bimwe mu bikorwa FHA irimo gukora, birimo gutangiza ubworozi bw'inzuki ku borozi bakikije ishyamba rya Gishwati (Koperative JYAMBERE, amarushanwa ku matsinda y'ibidukikije mu mashuri akikije ishyamba rya Gishwati(school

eco-clubs) ahazigishwa abaturage kurengera ibidukikije, ndetse n'ubushakashatsi burimo bukorwa ku ishyamba rya Gishwati.

Hasobanuwe uko umushinga wa FHA w'uburinzi bw'ishyamba uteguwe, uyu akaba ari umushinga watewe inkunga na World Wide Fund for Nature (WWF)-Sweden binyujijwe muri International Gorilla Conservation Programme (IGCP) ukazafasha mu gushyiraho abarinzi (CFPI Agents) batandatu, umwe muri buri kagari gakikije ishyamba rya Gishwati, bakazajya bakorera mu makipe y'abantu babiri mu minsi ine y'icyumweru uwa gatanu bagakorera hamwe bose. FHA yasabye ko utugari twakongererwa ubushozi mu gufasha muri iki gikorwa cyane cyane mu guhana ibyaha kuko ubushobozi bwa FHA ari ubwo guhemba abarinzi, kubakurikirana no kubapangira akazi gusa, hakaba hakenewe izindi nzego zikurikirana zikanahana ibyaha. Nyuma hafunguwe ikiganiro cyo kungurana ibitekerezo, abafashe ijambo bashimye ibikorwa bya FHA cyane cyane ko bakoze ibishoboka byose ngo bazibe icyuho cyari gisinzwe na GACP, banatanga ibitekerezo binyuranye byatumye inama igera ku myanzuro ishimishije.

Umuyobozi wungirije w'akarere ka Rutsiro ushinzwe ubukungu, Damascène NSANZIMFURA yagarutse ku bikorwa byinshi bigenda bitegurwa kuri iri shyamba harimo igikorwa cyari cyateguwe na REMA ishaka gushyiraho uburinzi bugakorwa n'inkeragutabara, anagaragaza ubuvugizi bugenda bukorwa. Yasabye kandi bamwe mu bafatanyabikorwa nka RDB kwihutisha gahunda yo kwita kuri iri shyamba agaragaza ko uburinzi bwabonetse budahagije.

Intumwa za RDB muri iyi nama, Telesphore Ngoga, Francois Bizimungu na Aime Sibomana basobanuye ko RDB yari yateguye igikorwa cyo kurinda iri shyamba mu ngengo y'imari y'umwaka ushize, ariko ntibyashoboka kubera ikibazo cy'ubukungu (recession budgetaire). Bagaragaje ariko ko gahunda igihari ko bategereje ko begurirwa gucunga iri shyamba ngo bakoreshe budget bateguye y'uyu mwaka. Basobanuye kandi ko bishimiye gukorana na NGOs zigira facility yo gushaka ubufasha. Babwiye abari mu nama ko RDB iri mu biganiro na MINIRENA yo kuba Gishwati yagirwa pariki, bagaragaza ko hagiye gusuzumwa imbibi z'ishyamba ndetse hakaba hari gutegurwa umushinga w'itegeko rigira Gishwati pariki ndetse na Mukura.

Ku bijyanye n'uburyo bwo guhana abazajya bafatwa bangiza ishyamba uwari uhagarariye police, yatanze inama ku buryo bwiza bwo gukurikirana abakoze ibyaha. Yasobanuye ko hajya hakorwa inyandiko isinyishwa ufashwe akora ibyaha icyo kikaba ikimeneytso cyakwifashishwa n'ubushinjacyaha. Uwari uhagarariye ingabo, Lt. Didace NDIBAZA, yasobanuye ko ahazaba hakenewe imbaraga bazishimira gufasha abarinzi muri patrols. Aha uwari uhagarariye RNRA/Ishami ry'amashyamba, Goretti MANIKUZWE, yaboneyeho gusaba abari mu nama ko hazatangwa ibitekerezo ku bihano bitagaragara mu itegeko kuko hari gahunda yo kuvugurura itegeko ry'amashyamba. Umuyobozi wungirije w'akarere ka Rutsiro yasobanuye ko Njyanama y'Akarere igira ubwinyagamburiro mu bijyanye no gushyiraho gahunda y'ibihano bitagaragara mu itegeko ariko ko byaba byiza RNRA isangije abafatanyabikorwa amategeko anyuranye agenga ibidukikije, amashyamba n'ibinyabuzima kugira ngo azabafashe mu gushaka ibyo basaba ko byongerwa mu itegeko.

Ushinze ibidukikije mu karere ka Rutsiro, Olivier Manzi yabwiye abari mu nama ko hari umushinga wa RNRA wo kubungabunga umugezi wa Sebeya ugiye gutangirwa na HELPAGE. Abari mu nama basabye ko uyu mushinga wagira icyo ukora no mukubungabunga ishyamba rya Gishwati kuko amazi yawo menshi ariho aturuka.

FHA yagaraje kandi impungenge ku banyamahanga bifuza gusura ishyamba hakaba n'abajyamo ntawe babwiye. Abari mu nama bumvikanye ko hagomba kwihutishwa uburyo bwiza bwo gusura ishyamba, mu

gihe ibyo bigitegurwa, RNRA igashyiraho ibyapa bibuza kandi bigaragaza ko abantu batemerewe kwinjira mu ishyamba. FHA yagaragaje kandi impungenge ku muhanda wapimwe uhuza imirenge ya Nyabirasi na Ruhango ukaba uzaca mu ishyamba hifuzwa ko wanyuzwa hanze yaryo.

**<u>Imyanzuro y'inama:</u>**

- Abitabiriye inama bashyigikiye igitekerezo cyo gushyiraho uburinzi bwa Gishwati, bushingiye ku ruhare rw'abaturage (**Community Forest Protection Initiative (CFPI)**), banemeza ko abo barinzi ari bo bazahagararira inzego zose zirebwa n'ikibazo cy'iyangirika ry'ishyamba kimeza rya Gishwati mu gihe nta rundi rwego rwa Leta ruraza kurinda iri shyamba.

- Uruhare rwa buri mufatanyabikorwa mu kubungabunga iri shyamba:

1) **Forest of Hope Association (FHA)**:
   - Gukora gahunda y'uburyo abarinzi (**CFPI Agents**) bazakora;
   - Kugenera abarinzi (**CFPI Agents**) umushahara n'ibikoresho bakeneye mukazi kabo;
   - Gufasha mu gutegura no gusangira amaraporo n'abafatanyabikorwa. Byemejwe ko hazajya hakorwa raporo ebyiri: raporo yihuse igihe habonetse ibibazo bisaba ibihano cyangwa ubufasha bwihuse na raporo ya buri kwezi izajya ihabwa akarere ka Rutsiro abandi aribo RDB, RNRA/Ishami ry'Amashyamba, umurenge wa Nyabirasi, Umurenge wa Ruhango, umurenge wa Kigeyo, umurenge wa Mushonyi, Police n'ingabo; bakagenerwa copi;
   - Gutegura inama ya buri gihembwe y' abafatanyabikorwa. Hasabwe ko byaba byiza abitabiriye inama ya mbere ari bo bagiye bagaruka.
2) **Akarere Ka Rutsiro:**
   - Guha ingufu urwego rw'akagari hubakwa uburyo bwiza bwo guhana abafatiwe mu byaha byo kwangiza kandi bagahanwa byihuse;
   - Gushyiraho uburyo hajya hakorwa inyandiko ku byaha byose byakozwe, raporo zigatangwa kugirango hegeranywe ibimenyetso byakoreshwa n'ubushinjacyaha igihe bibaye ngombwa;
   - Gukangurira abaturage uruhare rwabo mu kubungabunga ishyamba;
   - Gukora ubuvugizi kugira ngo umushinga wa RNRA wo kubungabunga umugezi wa Sebeya uzagire ibikorwa ukora ku ishyamba rya Gishwati kuko amazi menshi agize uyu mugezi ava muri iri shyamba;
   - Kuganira n'abafatanyabikorwa mbere y'uko umuhanda uhuza Bitenga/Ruhango na Mubuga/ Nyabirasi ukorwa kuko ibipimo byawo bica mu ishyamba. Byifujwe ko uwo muhanda wanyuzwa hanze y'ishyamba.
3) **Police:**
   - Gufasha mu guhana ibyaha.
4) **Ingabo:**
   - Gufasha muri patrols z'ishyamba igihe bikenewe;
   - Gupanga patrol inshuro imwe (buri kwezi) mu rwego rwo kwongerera imbaraga abarinzi no kwereka abaturage ko ishyamba ririnzwe.

5) **RDB:**

- Gukora ubuvugizi kugira ngo haboneke uburinzi burambye bw'iri shyamba n'urusobe rw'ibinyabuzima rururirimo.

6) **RNRA/Ishami ry'amashyamba:**

- Gushyira ibyapa bigaragaza ko bitemewe kwijira mu ishyamba uko wiboneye. Hasabwe ko biramutse bigoranye kubikora vuba RNRA yasaba FHA gukora iki gikorwa**;**
- Gukora ubuvugizi kugira ngo haboneke uburinzi burambye bw'iri shyamba n'urusobe rw'ibinyabuzima ruririmo;
- Gukora ubuvugizi kugira ngo umushinga wa RNRA wo kubungabunga umugezi wa Sebeya uzagire ibikorwa ukora ku ishyamba rya Gishwati kuko amazi menshi agize uyu mugezi ava muri iri shyamba.

Asoza inama umuyobozi w'ungirije ushinzwe ubukungu mu karere ka Rutsiro yashimiye abitabiriye inama, anashimira FHA yagize iki gitekerezo cyo kurinda ishyamba n'ibyo imaze kugeraho, asaba buri wese kubahiriza no kuzashyira mu bikorwa imyanzuro yafashwe. Yijeje ko  akarere kazashyira imbaraga muri iki gikorwa anasaba kandi buri wese gukomeza gutekereza kuri ejo hazaza h'iri shyamba kimeza rya Gishwati.

Inama yatangiye saa yine n'igice, isozwa saa saba na makumyabiri

## Abitabiriye inama

### 1. Ifoto



**Thierry Aimable INZIRAYINEZA**
**Umuhuzabikorwa wa Forest of Hope Association (FHA)**

# ABEMEJE IMYANZURO Y'INAMA

Forest of Hope Association

FHA

Ku wa 25/06/2013

P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: 250 (0) 783491512
E-mail: **fharwanda2012@gmail.com**
**Website: www.fharwanda.org**

## INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU ISHYAMBA KIMEZA RYA GISHWATI,

| N° | Amazina | Icyo ukora | Telephone | E- mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | REBERAHO Raphaël | ES MUSHONYI(Sector | 0788556152 | reraph@yahoo.fr | [illegible] |
| 02 | UBURAKE J. de Dieu | SEO/Kigeyo | 0788660896 | ujede77@gmail | [illegible] |
| 03 | HABYARIMANA Siméon | ST / FHA | 0788532042 | hsimeon42@gmail.com | [illegible] |
| 04 | KABANANA MANZI Olivier | Environment officer/Rutsiro | 0788453243 | kabamool@yahoo.fr | [illegible] |
| 05 | NSANZIMFURA J. Damascène | V/Mayor AEFD | 0788537506 | nsanzimfurad@yahoo.fr | [illegible] |
| 06 | INZIRAYINEZA A. Thierry | FHA Coordinator | 0783491512 | thierryaimable@yahoo.fr | [illegible] |
| 07 | | | | | |

Forest of Hope Association
FHA
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: 250 (0) 783491512
E-mail: **fharwanda2012@gmail.com**
**Website: www.fharwanda.org**

Ku wa 25/06/2013

**INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU ISHYAMBA KIMEZA RYA GISHWATI.**

| N° | Amazina | Icyo ukora | Telephone | E- mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | LIBIBAS NBIBAZA | AG OC MOB | 07857450057 | – | [illegible] |
| 02 | AIP JOHN Kanyamibwe | OC POLICE STN Kayove | 0788311294 | – | [illegible] |
| 03 | SGT MUDAHEMANWA B | I - S | 0788509127 | – | [illegible] |
| 04 | NGOGA Telesphore | Ag. conservation division Manager/RDB | 0788874321 | telesphore.ngoga@rdb.rw | [illegible] |
| 05 | Bizimungu François | Senior Conservation Planning officer | 0788525345 | francois.bizimungu@rdb.rw | [illegible] |
| 06 | NYANDWI Sylvain | Vice president FHA | 0788888587 | sylnyapi@gmail.com | [illegible] |
| 07 | | | | | |

Forest of Hope Association
FHA
P.O. Box: 538 Gisenyi
Tel: 250 (0) 783491512
E-mail: **fharwanda2012@gmail.com**
**Website: www.fharwanda.org**

Ku wa 25/06/2013

## INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU ISHYAMBA KIMEZA RYA GISHWATI,

| N° | Amazina | Icyo ukora | Telephone | E- mail | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | NIRERE NK. Etienne | S. Exec Sect RUHANGO | 0788592725 | nirereetienne@yahoo.fr | [signature] |
| 02 | SIBOMANA J. Aimé | RDB/Adventure tourism officer/PDAP | 0788506216 | jeanaime.sibomana@rdb.rw | [signature] |
| 03 | MUYUMBU Augustin | RNRA/NYABIRASI KIVUMU | 0783054886 | muyumbu2002@yahoo.fr | [signature] |
| 04 | Madeleine NYIRANUZA | FHA | 0788852401 | [illegible]@gmail.com | [signature] |
| 05 | MANIKUZWE Marie Goretti | RNRA/DFNC | 0788833595 | manygogo@gmail.com | [signature] |
| 06 | | | | | |
| 07 | | | | | |